FICHE DE TRANSMISSION

Au DIRGERAL JEUNESSE

A ______

Pour suite à donner ______

Pour approbation ______

Pour signature ______

Pourrions-nous en parler ? ______

Comme convenu ______

Suite à votre demande ______ x α

Noter et retourner ______ 3/8/84

Pour information ______

A classer ______

Commentaires ______

Date :

29/8/1984

De :

DWENCK

# Divers

Exploitation du rapport de la réunion du 5/8/84 relative à l'utilisation de l'~~eau~~ potable

23/8/84

Inama yo gushaka no gukoresha amazi meza

Icyiciro cya 5.

Inama yabereye i Kigali kuva kuwa 5 Kamena 1984 yari iya 5 yasuzumaga ibibazo byo gushaka no gukoresha amazi meza mu cyaro, umushinga u Rwanda rufashwamo n'abagiraneza b'Abaholandi. Komini zari zayitumiwemo ni Kinyamakara yo muli Prefegitura ya GIKONGORO, Bwakira yo muli Prefegitura ya KIBUYE; Komini Rushashi yo muri Prefegitura ya Kigali na Nyarutovu yo muri Prefegitura ya RUHENGERI ntizali zihali.

Inama yibanze kuri ibi bibazo bikulikira:

- Ihuliro ry'ubuzima, isuku, amazi meza, ikiganiro cyatanzwe n'intumwa ya Ministeri y'Ubuzima.
- Gucunga no gufata neza ibikorwa by'amazi, ikiganiro cyatanzwe n'intumwa ya Ministeri y'Imilimo ya Leta n'Ingufu.
- Ubulyo bwo gufata amazi muri tekiniki, ikiganiro cyatanzwe n'umwe mu bagiraneza b'Abaholandi.
- Ukwihaza kwa Komini mu gufata amazi neza, ikiganiro cyatanzwe na Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini.
- Ibiboneka mu igenzurwa ry'imiyoboro n'ibigega by'amazi, ikiganiro cyatanzwe n'umwe mu bagiraneza b'Abaholandi
- Ibice bigize imitunganyilize y'imiyoboro y'amazi.
- Imilimo Kanyamigezi ashinzwe
- Uruhare rw'abagiraneza b'Abaholandi mu gukangulira abaturage akamaro k'amazi meza.

Gutinda kuri ibi bibazo byasuzumwe kwaba ari ugusubira mu magambo yavuzwe, kuko Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative yari yohereje intumwa yo kuyihagaralira muri iyo nama, nk'uko bigaragara ku rupapuro rwa 7 rwa raporo twahawe na Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini.

Inama ya 5 yo "gushaka no gukoresha amazi meza" n'izindi zizayikulikira zirerekana ko iyo ntego itarangiranye n'umwaka wa 1981 wari wabyitiliwe. Abafashe ijambo bibanze kuri izi ngingo zikulikira:

- Isuku ni isoko y'ubuzima. Ni yo mpamvu abaturage bagomba gukoresha amazi meza, bagacukura imisarane miremire kandi bakayikoresha, kuko kwituma kugasozi aribyo byanduza amazi, bigatera n'indwara z'amako menshi (inzoka, amacinya, kolera, imbasa n'izindi). Ibyo byatangajwe n'uwari uhagarariye Ministeri y'Ubuzima.
- Gukoresha amazi mabi ni ukwirengagiza uruhare rukomeye amazi afite mu mubili w'umuntu. Ikiremwa-muntu kigizwe n'ibice 70% by'amazi, ku buryo gukoresha amazi adasukuye ari byo bitera guhitwa, umuntu agatakaza menshi kandi ari yo yari amugize, nuko bikamuhutira urupfu.

.../...

Iyo ni ingingo y'ibanze yari ikubiye mu ijambo ry'intumwa ya BUFMAR.

- Uruhare rw'abaturage mu gufata amazi yabo neza ni ingenzi. Bagomba kumva ko gukoresha amazi meza ari bo bifitiye akamaro, bagafata neza amasoko n'amariba, bagatanga umusanzu wo gusana ibyononekara, aho guhora biyambaza abagiraneza buri kanya ngo nibagaruke basane buri kantu kose. Ngicyo igitecyerezo intumwa ya Ministeri y'Imilimo ya Leta n'Ingufu yagejeje ku bari aho.
- Ibikoresho bivana amazi ku isoko bikayageza aho dutuye birasaza bigasimburwa. Abakoresha amazi bakwiye kubifata neza ngo bitononekara bitamaze kabiri. Abagiraneza ntibakwinubira gukomeza gutanga infashanyo babona ukuntu abaturage bahatira gufata ibikoresho by'amazi neza. Ibyo byavugwaga n'umwe mu bagiraneza b'Abaholandi.
- Intumwa ya Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini yavuze ko buri Komini yari ikwiye kugira umukozi ufite ubuhanga mukuyobora no gufata amazi neza, ku buryo yabyigisha abaturage. Abategetsi ba Komini nabo, ni ukuvuga Burugmestri n'abafasha be, bagomba guhora bajijura abaturage, babunvisha akamaro ko gukoresha amazi meza, kugirango baruseheho kuyafata neza babyibwirije. Ahantu havomerwa hose hagomba kugira umuntu uhasukura buri gihe. Buri Komini ikagira Komite ishinzwe imikoreshereze y'amazi. Abaturage bagatanga umusanzu wo gusana ibyononekara, ayo mafranga akabikwa muri Komini, ku buryo uyatanze yajya ahabwa quitansi azajya yerekana agiye kuvoma. Ayo mafaranga yajya agura ibikoresho by'amazi, agasana ibyangilitse, agahemba abakozi babisana, agakora indi miyoboro y'amazi, agakora n'ibindi byose bifitiye abaturage akamaro bimaze kwemerwa n'abatanze ayo mafaranga.

- Umwe mu bagiraneza b'Abaholandi yibanze ku miyoboro n'ibigega by'amazi. Hamwe na hamwe bifashwe neza, ahandi henshi bimeze nabi. Ni ko abagiraneza b'Abaholandi babibona mu ngendo bakora mu makomini bagenzura imiyoboro y'amazi, Yifuje ko Ministeri y'Imilimo ya Leta n'Ingufu yagira uruhare rugaragara muri iryo genzura, kandi n'amahugurwa akaba buri gihe.
- Imitunganyilize y'imiyoboro y'amazi ifite uruhare runini mu majyambere ya Komini. Gukorerwa umuyoboro w'amazi bisabwa na Komini ihagaraliwe na Burugumestri wayo. Iyo Komini imaze gusaba umuyoboro, umutekinisiye w'umulyango w'Abagiraneza b'Abaholandi n'umwungilije banyarukira mu iyo Komini, maze umwungilije w'umunyarwanda afatanije na ba Kanyamigezi akabonana n'abaturage akumva ibitekerezo byabo. Iyo bigaragaye ko ari ngombwa gukora umuyoboro w'amazi, Komini isaba infashanyo, yamaze yemererwa hageshyirwa umukono ku masezerano y'ubufatanye, maze imilimo igatangira, n'abaturage bagatanga umuganda. Iyo imilimo irangiye, amazi abonetse, hashyirwaho isanduku y'umusanzu w'amazi.
- Ihama yibanze kandi ku milimo Kanyamigezi ashinzwe:
  - gusobanulira abaturage akamaro k'amazi meza,

.../...

kugenzura ibikorwa by'amazi, gufata neza amaliba n'amasoko (kuyalinda ibyayonona), gusana ibyangilitse ku maliba, gufukura amasoko no guha ubutegetsi bwa Komini raporo y'ibyerekeye amaliba.

- Abagiraneza b'Abaholandi si abatekinisiye gusa, ahubwo bafite n'uruhare mu gukangulira abaturage akamaro k'amazi meza. Niyo mpamvu umulyango O.V.N wateganije gushyiraho umukangurambaga wo kumvisha abaturage akamaro k'amazi meza muri buri Komini bakoramo.

Inama ijya kurangira, abari bayirimo bifuje ibi bikulikira:

- Ko hashyirwaho Kanyamigezi wa Prefegitura wo kugira inama ba Kanyamigezi ba Komini.
- Ko Leta yagoboka Komini zikennye iziha ibikoresho bihenda, ikanateganya ahagurirwa ibikoresho byoroheje.
- Ko Kanyamigezi yaba umukozi uhoraho ugengwa na statut y'abakozi ba Komini kandi agahabwa ibikoresho byose byamworohereza akazi.
- Ko Kanyamigezi yajya ahugurwa kenshi kugirango arusheho gutunganya akazi ashinzwe.
- Ko Ministeri y'Amashuli Mato n'Ayisumbuye yakaza umurego mu kwigisha isuku ikabitangira n'infashanyigisho zihagije.
- Ko imisarane yakubakwa ahantu hose hateranira abantu benshi, ibigo nderabuzima bikabitanga mo urugero.
- Ko hajya hateganywa senema zereka abaturage akamaro k'amazi meza.
- Ko Leta yaha umwanya w'ibanze ibikoresho biboneka mu Rwanda mu gukora amasoko.
- Ko hashyirwaho Komite y'umuyoboro w'amazi uhulirwaho n'amakomini menshi yakorana na service ishinzwe iby'amazi muri prefegitura.
- Ko abaturage bamenyeshwa akamaro ko gufata no gukoresha amazi meza, hakoreshejwe radiyo, ibishushanyo, n'inama zikoranya abaturage.

---

Aho abagiraneza b'Abaholandi bageze, bakahakora amariba meza, hari ikibazo cyo gusana ibikoresho byangirika.
Icyakora icyo ntikizaba kikigoye, abaturage bose nibamara kumva ko amazi meza ari isoko y'ubuzima, amazi mabi nayo akaba isoko y'indwara nyinshi zababayeho akaramata. Mu makomini menshi, abaturage baracyavoma amazi yo mu binamba (marigots) kandi bagombye kubanza kugira amariba atunganye mbere yo kugira ibigo nderabuzima. Ntacyo bimaze kwivuza indwara, kandi impamvu iyitera igihari. Amakomini ataratunganya amariba y'abamilita bayo yari akwiye gukora iyo bwabaga, byaba ngombwa akifashisha. Nibwo twakwizera ko mu mwaka wa 2000 byibura, abanyarwanda bose bazaba barangwa n'ubuzima buzira umuze.

......

MUTIGANDA Géorges
10/08/1984
[signature]

Avis favorable conformes
29/8/1984
[signature]